**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**INTARA Y'IBURENGERAZUBA**
**AKARERE KA NYAMASHEKE**

**Ref N⁰ ...897...../03.07/2020 Nyamasheke ku wa ...30../..08../..2021**

# ITANGAZO

Ubuyobozi bw'Akarere ka Nyamasheke bushingiye mu bikubiye mu **Iteka rya Perezida No 064/01 ryo ku wa 16/03/2020 rishyiraho sitati yihariye igenga abarimu b'amashuri y'incuke, abanza, ayisumbuye n'ay'imyuga n'ubumenyingiro,** buramenyesha abarimu bose bifuza kwimukira mu Karere ka Nyamasheke bava mu tundi Turere n'abifuza guhindura ikigo cy'ishuri hagati mu Karere ko amadosiye abisaba azakirwa kugeza tariki ya 15 Nzeri 2021 hifashishijwe e-mail: recruitment@nyamasheke.gov.rw

**Ku bifuza gusaba gukorera mu Karere ka Nyamasheke baturutse mu tundi Turere dosiye yabo igizwe n'ibi bikurikira:**

- Ibaruwa isaba yandikiwe Umuyobozi w'Akarere ka Nyamasheke;
- Icyemezo cy'uko yagize amanota y'isuzumamikorere nibura 70% mu mihigo ya 2020-2021;
- Icyemezo cy'imyitwarire myiza gitangwa n'Umurenge hamaze kugishwa inama Umuyobozi w'ishuri umwarimu yigishagamo;
- Icyemezo kigaragaza ko aho yifuza kujya kwigisha hari umwanya;
- Icyemezo gitangwa n'umuyobozi w'ishuri yigishamo kigaragaza ko aho yigisha nta cyuho kizahasigara mu gihe yaba yimuwe;
- Fotocopi y'impamyabumenyi ahemberwa;
- Fotocopi y'indangamuntu;
- Fotokopi y'ibaruwa ya burundu imushyira mu kazi ku mwanya yakoragaho.

**Ku basanzwe bakora mu bigo by'amashuri byo mu Karere ka Nyamasheke dosiye isaba igizwe n'ibi bikurikira:**

- Ibaruwa isaba yandikiwe Umuyobozi w'Akarere ka Nyamasheke;
- Icyemezo cy'uko yagize amanota y'isuzumamikorere nibura 70% mu mihigo ya 2020-2021;
- Icyemezo cy'imyitwarire myiza gitangwa n'Umurenge hamaze kugishwa inama Umuyobozi w'ishuri umwarimu yigishagamo;
- Icyemezo kigaragaza ko aho yifuza kujya kwigisha hari umwanya;
- Icyemezo gitangwa n'umuyobozi w'ishuri yigishamo kigaragaza ko aho yigisha nta cyuho kizahasigara mu gihe yaba yimuwe;
- Fotokopi y'ibaruwa ya burundu imushyira mu kazi.

<u>Icyitonderwa</u>: - Dosiye itazanyuzwa kuri **e-mail** yagaragajwe haruguru ntabwo izahabwa agaciro.

- Abafite abo bifuza kugurana kandi bahuje impamyabumenyi n'ibyo bigisha nabo buzuza dosiye nk'abandi ariko bakabigaragaza mu ibaruwa isaba yandikiwe Umuyobozi w'Akarere.

**MUKAMASABO Appolonie**
**Umuyobozi w'Akarere ka Nyamasheke**

*Toll Free : 4138Website : www.nyamasheke.gov.rwEmail : nyamashekedistrict@nyamasheke.gov.rw @Nyamasheke*
*nyamasheke.district nyamashekedistrict : 0788310301 / 0788310275Po.Box : 72 Nyamasheke*